**Umwaka wa 59**
**Igazeti ya Leta n° 32 bis yo ku wa 19/10/2020**

**Year 59**
**Official Gazette n° 32 bis of 19/10/2020**

**59ème Année**
**Journal Officiel n° 32 bis du 19/10/2020**

## *A. Amateka ya Perezida/Presidential Orders/ Arrêtés Présidentiels*

**N° 121/01 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Perezida rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri ..…………………………………………………………………………… 04
**N° 121/01 of 15/10/2020**
Presidential Order establishing National Examination and School Inspection Authority ……04
**N° 121/01 du 15/10/2020**
Arrêté Présidentiel portant création de l'Office National des Examens et d'Inspection des Écoles………………………………………………………………………..…….……04

**N° 122/01 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Perezida rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze …….……29
**N° 122/01 of 15/10/2020**
Presidential Order establishing Rwanda Basic Education Board ……………………...…... 29
**N° 122/01 du 15/10/2020**
Arrêté Présidentiel portant création de l'Organe Rwandais de l'Education de Base …..……29

**N° 123/01 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Perezida rishyiraho Urwego rw'Iguhugu rushinzwe Imyuga n'Ubumenyingiro…..54
**N° 123/01 of 15/10/2020**
Presidential Order establishing the Rwanda Technical and Vocational Education and Training Board ………………………………………………………………………….…... 54
**N° 123/01 du 15/10/2020**
Arrêté Présidentiel portant création de l'Organe Rwandais de l'Éducation et de la Formation Technique et Professionnelle ……………………………………………………....….54

**N° 124/01 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Perezida rigena imishahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari Abasirikare ……………….…..… 77
**N° 124/01 of 15/10/2020**
Presidential Order determining salaries and fringe benefits for Commissioners of Rwanda Demobilization and Reintegration Commission ……….……….…...…………………… 77

**N° 124/01 du 15/10/2020**
Arrêté Présidentiel déterminant les salaires et avantages alloués aux Commissaires de la Commission Nationale de Démobilisation et de Réintegration ……….………………...… 77

***B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Orders/Arrêtés du Premier Ministre***

**Nº 107/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena intego, inshingano imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Inama y'Igihugu y'Abantu Bafite Ubumuga ........................................................................ 90
**N° 107/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining mission, responsibilities, organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Local Government and organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of National Council of Persons with Disabilities ........................................................................................................... 90
**Nº 107/03 du 15/10/2020**
Arrêté Premier Ministre portant mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de l'Administration Locale et structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Conseil National des Personnes Handicapées ........................................................................................................... 90

**Nº 108/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ibidukikije ....................................116
**Nº 108/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining mission, responsibilities organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Environment .....................................116
**Nº 108/03 du 15/10/2020**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de l'Environnement ......................116
.
**Nº 109/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo gishinzwe Gucunga no Guteza Imbere Amashyamba .............. 137
**Nº 109/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Forestry Authority ............................................................................ 137
**Nº 109/03 du 15/10/2020**
Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais des Forêts ......................................................................... 137

**Nº 110/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije .............................. 156
**Nº 110/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Environment Management Authority ............................................. 156

**Nº 110/03 du 15/10/2020**

Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle , les salaires et les avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement ...... 156

**N° 111/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri .... 175
**Nº 111/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of National Examination and School Inspection Authority .............................. 175
**Nº 111/03 du 15/10/2020**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle , salaires et avantages alloués au personnel de l'Office National des Examens et d'Inspection des Écoles ................175

**N° 112/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi bw'Ibanze mu Rwanda (REB) ...195
**Nº 112/03 Of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Basic Education Board (REB) ........................................................ 195
**Nº 112/03 du 15/10/2020**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel de l'Office Rwandais chargé de l'Éducation de Base au Rwanda (REB) .................195

**Nº 113/03 ryo ku wa 15/10/2020**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imyigishirize y'Imyuga n'Ubumenyingiro ....................................... …………………...…………………… 216
**Nº 113/03 of 15/10/2020**
Prime Minister's Order determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Technical Vocational Education and Training Board ...................... 216
**Nº 113/03 du 15/10/2020**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel de l'Organe Rwandais de l'Éducation et de la Formation Technique et Professionnelle ....................................... …………………..…………………………… 216

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 121/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBIZAMINI N'UBUGENZUZI BW'AMASHURI** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 121/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 121/01 DU 15/10/2020 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE NATIONAL DES EXAMENS ET D'INSPECTION DES ÉCOLES** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article Premier: Objet du Présent Arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Ishyirwaho** | **Article 2: Establishment** | **Article 2: Création** |
| **Ingingo ya 3: Icyicaro** | **Article 3: Head office** | **Article 3: Siège** |
| **Ingingo ya 4: Icyiciro** | **Article 4: Category** | **Article 4: Catégorie** |
| **UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA** | **CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS** | **CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS** |
| **Ingingo ya 5: Intego** | **Article 5: Mission** | **Article 5: Mission** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano** | **Article 6: Responsibilities** | **Article 6: Attributions** |
| **Ingingo ya 7: Ububasha** | **Article 7: Powers** | **Article 7: Pouvoirs** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Urwego rureberera NESA** | **<u>Article 8</u>: Supervising authority of NESA** | **<u>Article 8</u>: Organe de tutelle de NESA** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Inzego z'ubuyobozi** | **<u>Article 9</u>: Management organs** | **<u>Article 9</u>: Organes de direction** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 10</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office** | **<u>Article 10</u>: Composition du Conseil d'Administration et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Attributions additionnelles du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 12</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 12</u>: Pouvoir du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 13</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 13</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 15</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 15</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 16</u>: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **<u>Article 16</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 17: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **Article 17: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **Article 18: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 19: Rapporteur of the meeting of Board of Directors** | **Article 19: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **Article 20: Personal interest in issues on the agenda** | **Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| **Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa** | **Section 2: Executive Organ** | **Section 2: Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 21: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 21: Composition of Executive Organ** | **Article 21: Composition de l'Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 22: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 22: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **Article 22: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **Article 23: Powers and duties of the Director General** | **Article 23: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 24: Umutungo n'inkomoko yawo** | **Article 24: Property and its sources** | **Article 24: Patrimoine et ses sources** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Ingengo y'imari** | **<u>Article 25</u>: Budget** | **<u>Article 25</u>: Budget** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NESA** | **<u>Article 26</u>: Use, management and audit of the property of NESA** | **<u>Article 26</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NESA** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 27</u>: Annual financial Report** | **<u>Article 27</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 28</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 28</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 29</u>: Repealing provisions** | **<u>Article 29</u>: Dispositions abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 30</u>: Commencement** | **<u>Article 30</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 121/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBIZAMINI N'UBUGENZUZI BW'AMASHURI** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 121/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 121/01 DU 15/10/2020. PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE NATIONAL DES EXAMENS ET D'INSPECTION DES ÉCOLES** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 121, iya 122, iya 139, iya 165 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 121, 122, 139, 165 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 121, 122, 139, 165 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; | Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4; | Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/08/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/08/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/08/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article Premier</u>: Objet du Présent Arrêté** |
| Iri teka rishyiraho Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibizamini n'ubugenzuzi mu mashuri y'uburezi bw'ibanze n'ay'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) yo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5). Rigena kandi, intego, inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo. | This Order establishes National Examination and School Inspection Authority in basic education and lower level of Technical and Vocational Education and Training (TVET) from level one (1) to five (5). It also determines its mission, responsibilities, powers, organisation and functioning. | Le présent Arrêté porte création de l'Office National des examens et d'Inspection dans les écoles d'éducation de base et celles de formation technique et professionnelle (TVET) de niveau un (1) à cinq (5). Il détermine également sa mission, ses attributions, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwaho** | **<u>Article 2</u>: Establishment** | **<u>Article 2:</u> Création** |
| Hashyizweho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibizamini n'ubugenzuzi bw'amashuri, cyitwa "NESA" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. | National Examination and School Inspection Authority, abbreviated as "NESA" is established. | L'Office National des examens et d'Inspection des Écoles dénommé "NESA" en sigle anglais, est créé. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Icyicaro** | **<u>Article 3</u>: Head office** | **<u>Article 3</u>: Siège** |
| Icyicaro cya NESA kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda.<br><br>Kugira ngo irangize inshingano zayo, NESA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, byemejwe n'Urwego ruyireberera. | The head Office of NESA is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory.<br><br>In order to fulfil its responsibilities, NESA may have branches within the country upon approval by it supervising Authority. | Le siège de NESA se trouve dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.<br><br>Pour remplir ses attributions, NESA peut avoir des branches dans le pays sur l'approbation de son organe de tutelle. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Icyiciro** | **<u>Article 4</u>: Category** | **<u>Article 4</u>: Catégorie** |
| NESA ni ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi. | NESA is a non-commercial public institution. | NESA est un établissement public à caractère non-commercial. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA** | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS** | **<u>CHAPITRE II</u>: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS** |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Intego** | **<u>Article 5</u>: Mission** | **<u>Article 5</u>: Mission** |
| Intego ya NESA ni uguteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri y'uburezi bw'ibanze n'ay'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) yo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5) no gushyiraho amabwiriza agenga isuzumabumenyi rusange ry'abanyeshuri n'ibizamini bya Leta. | The primary of NESA is to ensure quality of education in basic education and Technical and Vocational Education and Training (TVET) from level one (1) to five (5) and to regulate the comprehensive assessments of students and national examinations. | La mission de NESA est d'assurer la qualité d'éducation dans les écoles d'éducation de base et celles de formation technique et professionnelle (TVET) de niveau un (1) à cinq (5) et de réglementer l'évaluation générale des élevés et les examens nationaux. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano** | **<u>Article 6</u>: Responsibilities** | **<u>Article 6</u>: Attributions** |
| NESA ifite inshingano z'ingenzi zikurikira: | NESA has the following main responsibilities: | NESA a les attributions principales suivantes: |
| 1º gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu kwemeza amashuri yigenga y'uburezi bw'ibanze n'aya TVET yo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5); | 1º to set standards for accreditation of private basic education schools and TVET schools from level one (1) to five (5); | 1º établir les normes d'accréditation des écoles privées d'éducation de base et celles de TVET de niveau un (1) à cinq (5); |
| 2º kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'ibipimo ngenderwaho mu mashuri y'uburezi bw'ibanze n'aya TVET yo ku rwego rwa mbere (1) | 2º to monitor the implementation of norms and standards in public, Government subsidised and private basic education and TVET schools from level one (1) to five (5); | 2º inspecter la mise en œuvre des normes et standards dans les écoles d'éducation de base et celles de TVET de niveau un (1) à cinq (5) tant publiques, conventionnées et privées; |

| | | |
|---|---|---|
| kugeza ku rwa gatanu (5) ya Leta, ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano n'ayigenga; | | |
| 3º kwita ku ireme ry'uburezi mu mashuri y'uburezi bw'ibanze n'aya TVET yo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5) ya Leta, ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano n'ayigenga; | 3º to ensure the quality of education in public, Government subsidised and private basic education and TVET schools from level one (1) to five (5); | 3º assurer la qualité de l'éducation dans les écoles d'éducation de base et celles de TVET de niveau un (1) à cinq (5) tant publiques, conventionnées et privées; |
| 4º gutegura, gukoresha no gukosora ibizamini bya Leta; | 4º to prepare, conduct and mark national examinations; | 4º préparer, faire passer et corriger les examens nationaux; |
| 5º gutangaza amanota yavuye mu bizamini bya Leta; | 5º to publish national examinations results; | 5º publier les résultats des examens nationaux; |
| 6º gushyira mu myanya abanyeshuri batsinze ibizamini bya Leta barangije amashuri abanza n'ay'icyiciro rusange. | 6º to orient students of primary and ordinary level schools who passed the national examinations. | 6º orienter les élèves des écoles primaires et du tronc commun qui ont réussi les examens nationaux. |
| **Ingingo ya 7: Ububasha** | **Article 7: Powers** | **Article 7: Pouvoirs** |
| NESA ifite ububasha bwo: | NESA has the powers to: | NESA a les pouvoirs: |
| 1º gutanga impamyabushobozi ku banyeshuri batsinze ibizamini bya Leta mu mashuri y'uburezi bw'ibanze n'aya TVET yo ku rwego rwa gatanu (5) ; | 1º award certificate to students who passed national examinations for basic education and level five (5) of TVET; | 1º d'attribuer les certificats aux élèves ayant réussi aux examens nationaux de l'éducation de base et de TVET de niveau cinq (5); |
| 2º kwemerera ishuri ryigenga ritanga uburezi bw'ibanze cyangwa irya | 2º grant accreditation to a private basic education school or a TVET school of | 2º de décerner l'accréditation à une école privée d'éducation de base ou de |

| | | |
|---|---|---|
| TVET ryo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5) gutangira gukora; | level one (1) to five (5); | TVET de niveau un (1) à cinq (5); |
| 3° gutanga uruhushya rw'ahakorerwa umwuga wo gutanga inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro n'impamyabushobozi bitarenze ku rwego rwa gatanu (5); | 3° authorise a workplace to offer TVET trainings and certificate not more than level five (5); | 3° d'autoriser les lieux de profession de donner une formation technique et professionnelle et d'octroyer les certificats de niveau n'excédant pas le niveau cinq (5); |
| 4° guhagarika cyangwa gufunga ishuri ritanga uburezi bw'ibanze cyangwa irya TVET ryo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5), iyo bibaye ngombwa; | 4° suspend or close a school offering basic education or a TVET school of level one (1) to five (5) when considered necessary; | 4° de suspendre ou fermer une école d'éducation de base ou celle de TVET de niveau un (1) à cinq (5), en cas de besoin; |
| 5° kugereranya no kugena agaciro k'impamyabushobozi n'impamyabumenyi zatanzwe n'amashuri yo mu mahanga atanga uburezi bw'ibanze na TVET yo ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwa gatanu (5). | 5° equate and provide equivalence of certificates and degrees awarded by foreign schools offering basic education and TVET levels from level one (1) to five (5). | 5° de comparer et d'attribuer l'équivalence des certificats et des diplômes décernés par les écoles étrangères d'éducation de base et celles de TVET de niveau un (1) à cinq (5). |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Urwego rureberera NESA** | **<u>Article 8</u>: Supervising authority of NESA** | **<u>Article 8</u>: Organe de tutelle de NESA** |
| NESA irebererwa na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano. | NESA is supervised the Ministry in charge of education. | NESA est supervisé par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Inzego z'ubuyobozi**<br><br>Inzego z'ubuyobozi ni izi zikurikira:<br><br>1° Inama y'Ubuyobozi;<br><br>2° Urwego Nshingwabikorwa.<br><br>**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi**<br><br>**<u>Ingingo ya 10</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo**<br><br>Inama y'Ubuyobozi ya NESA igizwe n'abantu barindwi (7).<br><br>Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.<br><br>**<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi**<br><br>Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya NESA ifite inshingano z'inyongera zikurikira:<br><br>1° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera NESA no | **<u>Article 9</u>: Management organs**<br><br>Management organs are as follows:<br><br>1° the Board of Directors;<br><br>2° the Executive Organ.<br><br>**<u>Section One</u>: Board of Directors**<br><br>**<u>Article 10</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office**<br><br>The Board of Directors of NESA is composed of seven (7) members.<br><br>Members of the Board of Directors serve a term of office of five (5) years renewable once.<br><br>**<u>Article 11</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors**<br><br>Subject to the provisions of organic law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of NESA has the following additional responsibilities:<br><br>1° to conclude a performance contract with the supervising authority of | **<u>Article 9</u>: Organes de direction**<br><br>Les organes de direction sont les suivants:<br><br>1° le Conseil d'Administration;<br><br>2° l'Organe Exécutif.<br><br>**<u>Section première</u>: Conseil d'Administration**<br><br>**<u>Article 10</u>: Composition du Conseil d'Administration et leur mandat**<br><br>Le Conseil d'Administration de NESA est composé de sept (7) membres.<br><br>Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois.<br><br>**<u>Article 11</u>: Attributions additionnelles du Conseil d'Administration**<br><br>Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration de NESA a des attributions additionnelles suivantes:<br><br>1° conclure un contrat de performance avec l'organe de tutelle de NESA et |

| | | |
|---|---|---|
| gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;<br><br>2° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NESA no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari;<br><br>3° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'umwaka urangiye;<br><br>4° kwemeza umushinga w'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya NESA;<br><br>5° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera NESA.<br><br>**<u>Ingingo ya 12</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi**<br><br>Inama y'Ubuyobozi ya NESA ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya NESA hakurikijwe amategeko. | NESA and make follow up on its execution;<br><br>2° to approve the draft budget proposal of NESA and make a follow-up on the budget execution;<br><br>3° to approve activity report, use of property and financial report for the previous year;<br><br>4° to approve the draft organisational structure of NESA;<br><br>5° to submit a quarterly and annual report to the supervising authority of NESA.<br><br>**<u>Article 12</u>: Powers of the Board of Directors**<br><br>The Board of Directors of NESA is the supreme management and decision-making organ. It is invested with extensive powers to make decisions regarding administration, human resources and the property of NESA in accordance with laws. | assurer le suivi de son exécution;<br><br>2° approuver l'avant-projet de budget de NESA et assurer le suivi de l'exécution du budget;<br><br>3° approuver le rapport d'activités, d'utilisation du patrimoine et le rapport financier de l'année précédente;<br><br>4° approuver le projet de la structure organisationnelle de NESA;<br><br>5° soumettre un rapport d'activités trimestriel et annuel à l'organe de tutelle de NESA.<br><br>**<u>Article 12</u>: Pouvoir du Conseil d'Administration**<br><br>Le Conseil d'Administration de NESA est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs les plus étendus en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de NESA conformément à la loi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 13</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 13</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ya NESA ava kuri uwo mwanya iyo: | A member of the Board of Directors of NESA loses membership when: | Un membre du Conseil d'Administration de NESA cesse d'être membre lorsque: |
| 1º manda ye irangiye; | 1º his or her term of office expires; | 1° son mandat expire; |
| 2º yeguye akoresheje inyandiko; | 2º he or she resigns in writing; | 2° il démissionne par écrit; |
| 3º atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga; | 3º he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability; | 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'handicap; |
| 4º akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 4º he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement; | 4° il est définitivement condamné à une peine emprisonnement égale ou supérieure à six (6); |
| 5º asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | 5º he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons; | 5° il s'absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans motifs valables; |
| 6º agaragaje imyitwarire iyo ariyo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | 6º he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position; | 6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang; |
| 7º abangamira inyungu za NESA; | 7º he or she jeopardises the interests of NESA; | 7° il compromet les intérêts du NESA; |

| | | |
|---|---|---|
| 8º ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside;<br><br>9º atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;<br><br>10º apfuye. | 8º he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;<br><br>9º he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;<br><br>10º he or she dies. | 8º il est reconnu coupable de crime de génocide ou d'idéologie du génocide;<br><br>9º il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé;<br><br>10° il décède. |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NESA avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye. | In case a member of the Board of Directors of NESA leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de NESA perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NESA afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors of NESA has the following duties: | Le Président du Conseil d'Administration de NESA a les attributions suivantes: |
| 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;<br><br>2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;<br><br>3° gushyikiriza urwego rureberera NESA inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi; | 1° to chair the Board of Directors and coordinate its activities;<br><br>2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors;<br><br>3° to submit to the supervising authority of NESA the minutes of meetings of the Board of Directors; | 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;<br><br>2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;<br><br>3° soumettre à l'organe de tutelle de NESA les procès-verbaux de réunions du Conseil d'Administration; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° gushyikiriza raporo za NESA zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe; | 4° to submit the reports of NESA to relevant organs as approved by the Board of Directors; | 4° soumettre aux organes concernés les rapports de NESA adoptés par le Conseil d'Administration; |
| 5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 5° to make a follow up on the implementation of the resolutions of the Board of Directors; | 5° assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration; |
| 6° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 6° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. | 6° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 15</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 15</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NESA afite inshingano zikurikira: | The Deputy Chairperson of the Board of Directors of NESA has the following duties: | Le Vice-Président du Conseil d'Administration de NESA a les attributions suivantes: |
| 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; | 1° to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; | 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 2° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. | 2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 16</u>: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **<u>Article 16</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NESA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. | The meeting of the Board of Directors of NESA is held once a quarter and whenever necessary, upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members. | La réunion du Conseil d'Administration de NESA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres. |
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. | The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. |
| Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko mu gihe kitari munsi y'iminsi itatu (3) kugira ngo iterane. | However, an extraordinary meeting is convened in writing not less than three (3) days before the meeting is held. | Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion. |
| Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. | Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente. |
| Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya NESA isuzuma kandi raporo y'imari n'iy'ibikorwa zerekeranye n'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza urwego rureberera NESA. | In every quarter, the Board of Directors of NESA examines also the financial and activity reports relating to the previous quarter and submits them to the supervising authority of NESA. | Chaque trimestre, le Conseil d'Administration de NESA examine aussi le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumet à l'autorité de tutelle de NESA. |

| | | |
|---|---|---|
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NESA iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). | The quorum for a meeting of the Board of Directors of NESA is two thirds (2/3) of its members. | Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration de NESA est de deux tiers (2/3) de ses membres. |
| Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri, iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari. | However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present. | Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre des membres présents. |
| Umuyobozi Mukuru wa NESA yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi. | The Director General of NESA attends meetings of the Board of Directors. | Le Directeur Général de NESA participe aux réunions du Conseil d'Administration. |
| Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NESA. | Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of NESA. | Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par les règlements d'ordre intérieur de NESA. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya NESA ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The Board of Directors of NESA may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le Conseil d'Administration de NESA peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 18</u>: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NESA ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera NESA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). | A document of resolutions of the meeting of the Board of Directors of NESA is signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of NESA within five (5) days. | Un document des résolutions du Conseil d'Administration de NESA est immédiatement signé par ses membres après la séance de la réunion et une copie est transmise à l'autorité de tutelle de NESA endéans cinq (5) jours. |
| Umuyobozi w'urwego rureberera NESA atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyo byemezo biba byemejwe burundu. | The head of the supervising authority of NESA gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, those resolutions are considered definitively approved. | Le responsable de l'autorité de tutelle de NESA donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives. |
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NESA ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera NESA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho. | The minutes of the meeting of the Board of Directors of NESA are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of NESA within fifteen (15) days from the date of approval. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de NESA est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la session suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de NESA endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Rapporteur of the meeting of Board of Directors** | **<u>Article 19</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Umuyobozi Mukuru wa NESA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi | The Director General of NESA serves as the rapporteur of the meeting of the Board of | Le Directeur Général de NESA est le rapporteur de la réunion du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. | Directors but he or she has no right to vote in decision making. | d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions. |
| Umuyobozi Mukuru wa NESA ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bitoramo umwanditsi. | The Director General of NESA does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors at the meeting elect among themselves a rapporteur. | Le Directeur Général de NESA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration à la réunion élisent parmi eux un rapporteur. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 20</u>: Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 20</u>: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NESA afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi aho iyo nyungu ishingiye. | A member of the Board of Directors of NESA who has a direct or indirect interest in the issue to be considered informs immediately the Board of Directors about where that interest lies. | Un membre du Conseil d'Administration de NESA qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose. |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. | A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue. | Le membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bigomba gusuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera NESA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). | When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the supervising authority of NESA to decide thereon within thirty (30) days. | Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de NESA pour décision endéans trente (30) jours. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2</u>: Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 21</u>: Composition of Executive Organ** | **<u>Article 21</u>: Composition de l'Organe Exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa NESA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru. Rushobora kandi kugira Umuyobozi Mukuru wungirije bibaye ngombwa. | The Executive Organ of NESA is comprised of Director General. It may also have a Deputy Directors General when considered necessary. | L'Organe Exécutif de NESA est composé du Directeur Général. Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint en cas de besoin. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 22</u>: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 22</u>: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa NESA rufite inshingano z'inyongera zikurikira: | Subject to the provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of NESA has the following additional responsibilities: | Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif de NESA a les attributions additionnelles suivantes: |
| 1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri munsi bya NESA; | 1° to monitor and coordinate daily activities of NESA; | 1° assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes de NESA; |
| 2° gukora indi nshingano yose rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za NESA. | 2° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within the responsibilities of NESA. | 2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de NESA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 23</u>: Powers and duties of the Director General** | **<u>Article 23</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| Umuyobozi Mukuru wa NESA afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi | The Director General of NESA has the power of decision making in the administrative and | Le Directeur Général de NESA dispose du pouvoir de la prise des décisions dans la |

| | | |
|---|---|---|
| n'umutungo bya NESA akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya NESA. | financial management of NESA in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of NESA. | gestion administrative et financière de NESA conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de NESA. |
| By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira: | Specifically, the Director General has the following duties: | En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes: |
| 1° gukurikirana imikorere ya buri munsi ya NESA, imicungire y'abakozi n'imikoreshereje y'ingengo y'imari; | 1° to make a follow-up on the daily activities of NESA, human resources management and the use of the budget; | 1° assurer le suivi des activités quotidiennes de NESA, de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation du budget; |
| 2° guhagararira NESA imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo; | 2° to serve as the legal representative of NESA and publicise its activities; | 2° être le représentant légal de NESA et faire connaître ses activités; |
| 3° kuba umuvugizi wa NESA; | 3° to serve as the spokesperson of NESA; | 3° servir de porte-parole de NESA; |
| 4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya NESA; | 4° to implement the resolutions of the Board of Directors of NESA; | 4° mettre en œuvre les résolutions du Conseil d'Administration de NESA; |
| 5° gucunga ibikoresho n'umutungo bya NESA no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; | 5° to ensure the management of equipment and property of NESA and submit related report to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion des équipements et du patrimoine de NESA et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa; | 6° to prepare the action plan and activity report; | 6° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités; |
| 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya NESA; | 7° to prepare the draft internal rules and regulations of NESA; | 7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de NESA; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya NESA;<br><br>9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa NESA;<br><br>10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo;<br><br>11° gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano ze. | 8° to prepare the draft action plan and draft budget proposal of NESA;<br><br>9° to ensure the execution of the budget and management of the property of NESA;<br><br>10° to attend the meetings of the Board of Directors and act as rapporteur;<br><br>11° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within his or her responsibilities. | 8° préparer le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget de NESA;<br><br>9° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de NESA;<br><br>10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur;<br><br>11° accomplir toute autre tâche relevant de ses attributions que le Conseil d'Administration peut lui confier. |
| **<u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N'IMARI** | **<u>CHAPTER IV</u>: PROPERTY AND FINANCE** | **<u>CHAPITRE IV</u>: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Umutungo n'inkomoko yawo** | **<u>Article 24</u>: Property and its sources** | **<u>Article 24</u>: Patrimoine et ses sources** |
| Umutungo wa NESA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | The property of NESA is comprised of movable and immovable assets. | Le patrimoine de NESA est composé de biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa NESA ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of NESA comes from the following sources: | Le patrimoine de NESA provient des sources suivantes: |
| 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;<br><br>2° inkunga za Leta n'iz'abafatanyabikorwa mu | 1° State budget allocations;<br><br>2° State and development partners' subsidies; | 1° les allocations budgétaires de l'État;<br><br>2° les subventions de l'État et des partenaires du développement; |

| | | |
|---|---|---|
| iterambere; | | |
| 3º ibituruka ku mirimo ikora; | 3° income from services rendered; | 3° les revenus des services prestés; |
| 4º inyungu zikomoka ku mutungo wayo; | 4° interests from its property; | 4° les intérêts de son patrimoine; |
| 5º inguzanyo zihabwa NESA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano; | 5° loans granted to NESA as approved by the Minister in charge of finance; | 5° les prêts accordés à NESA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| 6º impano n'indangano. | 6° donations and bequests. | 6° les dons et legs. |
| **Ingingo ya 25: Ingengo y'imari** | **Article 25: Budget** | **Article 25: Budget** |
| NESA itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, yemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. | NESA prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority. | NESA prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. |
| **Ingingo ya 26: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NESA** | **Article 26: Use, management and audit of the property of NESA** | **Article 26: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de NESA** |
| Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NESA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The use, management and audit of the property of NESA are carried out in accordance with relevant laws. | Le patrimoine de NESA est utilisé, géré et audité conformément à la législation en la matière. |
| Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa NESA buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa NESA. | The internal audit service of NESA submits its report to the Board of Directors of NESA and gives a copy to the Director General of NESA. | Le service d'audit interne de NESA transmet son rapport au Conseil d'Administration de NESA et en réserve une copie au Directeur Général de NESA. |

| | | |
|---|---|---|
| Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya NESA. | The Office of the Auditor General of State Finances carries out audit of the management and use of the finance and property of NESA. | L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de NESA. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 27</u>: Annual financial Report** | **<u>Article 27</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa NESA ashyikiriza urwego ruyireberera raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of NESA submits the annual financial statements to the supervising authority of NESA after their approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property. | Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de NESA soumet à l'autorité de tutelle de NESA le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 28</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 28</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwaremezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté**.** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 29</u>: Repealing provisions** | **<u>Article 29</u>: Dispositions abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho. | All prior provisions contrary to this order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**<br><br>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 30</u>: Commencement**<br><br>This order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 30</u>: Entrée en vigueur**<br><br>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 15/10/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la Republique |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 122/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE UBUREZI BW'IBANZE** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 122/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING RWANDA BASIC EDUCATION BOARD** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 122/01 DU 15/10/2020 PORTANT CRÉATION DE L'ORGANE RWANDAIS DE L'ÉDUCATION DE BASE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent Arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Ishyirwaho** | **Article 2: Establishment** | **Article 2: Création** |
| **Ingingo ya 3: Icyicaro** | **Article 3: Head office** | **Article 3: Siège** |
| **Ingingo ya 4: Icyiciro** | **Article 4: Category** | **Article 4: Catégorie** |
| **UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO** | **CHAPTER II: MISSION AND RESPONSIBILITIES** | **CHAPITRE II: MISSION ET ATTRIBUTIONS** |
| **Ingingo ya 5: Intego** | **Article 5: Mission** | **Article 5: Mission** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano** | **Article 6: Responsibilities** | **Article 6: Attributions** |
| **UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE** | **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **Ingingo ya 7: Urwego rureberera REB** | **Article 7: Supervising authority of REB** | **Article 7: Organe de tutelle de REB** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inzego z'ubuyobozi** | **<u>Article 8</u>: Management organs** | **<u>Article 8</u>: Organes de direction** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office** | **<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'Administration et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 10</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 10</u>: Attribution additionnelles du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Pouvoir du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 12</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 12</u>: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 15</u>: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **<u>Article 15</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 17: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 17: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **Article 17: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 18: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 18: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors** | **Article 18: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 19: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **Article 19: Personal interest in issues on the agenda** | **Article 19: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| **Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa** | **Section 2: Executive Organ** | **Section 2: Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 20: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 20: Composition of Executive Organ** | **Article 20: Composition de l'Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 21: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 21: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **Article 21: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 22: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **Article 22: Powers and duties of the Director General** | **Article 22: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 23: Umutungo n'inkomoko yawo** | **Article 23: Property and its sources** | **Article 23: Patrimoine et ses sources** |
| **Ingingo ya 24: Ingengo y'imari** | **Article 24: Budget** | **Article 24: Budget** |
| **Ingingo ya 25: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REB** | **Article 25: Use, management and audit of the property of REB** | **Article 25: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REB** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 26</u>: Annual financial Report** | **<u>Article 26</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 27</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 27</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 28</u>: Repealing provisions** | **<u>Article 28</u>: Dispositions abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 29</u>: Commencement** | **<u>Article 29</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 122/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISH YIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE UBUREZI BW'IBANZE** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 122/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING RWANDA BASIC EDUCATION BOARD** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 122/01 DU 15/10/2020 PORTANT CRÉATION DE L'ORGANE RWANDAIS DE L'ÉDUCATION DE BASE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 121, iya 122, iya 139, iya 165 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 121, 122, 139, 165 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 121, 122, 139, 165 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; | Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4; | Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/08/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/08/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/08/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent Arrêté** |
| Iri teka rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze. Rigena kandi, intego, inshingano, imiterere n'imikorere byarwo. | This Order establishes Rwanda Basic Education Board. It also determines its mission, responsibilities, organisation and functioning. | Le présent Arrêté porte création de l'Organe Rwandais de l'Éducation de Base. Il détermine également sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwaho** | **<u>Article 2</u>: Establishment** | **<u>Article 2:</u> Création** |
| Hashyizweho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi bw'Ibanze cyitwa "REB" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. | Rwanda Basic Education Board, abbreviated as "REB" is established. | L'Office Rwandais chargé de l'Éducation de Base, dénommé "REB" en sigle anglais, est créé. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Icyicaro** | **<u>Article 3</u>: Head office** | **<u>Article 3</u>: Siège** |
| Icyicaro cya REB kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda. | The head Office of REB is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory. | Le siège de REB se trouve dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda. |
| Kugira ngo irangize inshingano zayo, REB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu byemejwe n'Urwego ruyireberera. | In order to fulfil its responsibilities, REB may have branches within the Country upon approval by it supervising Authority. | Pour remplir ses attributions, REB peut avoir des branches dans le Pays sur l'approbation de son organe de tutelle. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Icyiciro** | **<u>Article 4</u>: Category** | **<u>Article 4</u>: Catégorie** |
| REB ni Ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi. | REB is a non-commercial public institution. | REB est un établissement public à caractère non-commercial. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO N'INSHINGANO**<br><br>**<u>Ingingo ya 5</u>: Intego**<br><br>Intego y'ibanze ya REB ni uguteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri y'uburezi bw'ibanze, ayihariye n'ay'abakuze.<br><br>**<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano**<br><br>REB ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:<br><br>3° gutegura no gutanga integanyanyigisho, imfashanyigisho, inyoborabarezi, imbonezamasomo no kugena uburyo bwo kwigisha mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ayihariye n'ay'abakuze batazi gusoma, kwandika no kubara;<br><br>4° gushyiraho no gukurikirana gahunda yo kwiga hakoreshejwe ikoranabuhanga mu burezi bw'ibanze; | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION AND RESPONSIBILITIES**<br><br>**<u>Article 5</u>: Mission**<br><br>The primary mission of REB is to promote the quality of education in basic, specialised and adult schools.<br><br>**<u>Article 6</u>: Responsibilities**<br><br>REB has the following main responsibilities:<br><br>1° to prepare and distribute curricula, teaching materials, teacher's guides, methodologies and establish teaching methods for nursery, primary, secondary, specialised schools and adult literacy schools;<br><br>2° to establish and monitor the E-learning program in basic education; | **<u>CHAPITRE II</u>: MISSION ET ATTRIBUTIONS**<br><br>**<u>Article 5</u>: Mission**<br><br>La mission principale de REB est de promouvoir la qualité de l'éducation dans les écoles d'éducation de base, spécialisé et des adultes.<br><br>**<u>Article 6</u>: Attributions**<br><br>REB a les attributions principales suivantes:<br><br>1° élaborer et distribuer les programmes d'enseignement, les matériels didactiques, les guides des enseignants, les méthodologies et déterminer les méthodes d'enseignement pour les écoles maternelles, primaires, secondaires, spécialisées et d'alphabétisation des adultes;<br><br>2° mettre en place et assurer le suivi du programme d'enseignement en ligne dans l'enseignement de base;<br><br>3° promouvoir l'utilisation des technologies de l'information et de |

| | | |
|---|---|---|
| 5° guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu burezi bw'ibanze;<br><br>6° guhuza gahunda n'ibikorwa hagamijwe guteza imbere abarimu, kubongerera ubumenyi n'ubushobozi no gukurikirana imicungire yabo;<br><br>7° kugira uruhare mu gushyiraho politiki y'uburezi;<br><br>8° guhuza no kwihutisha gahunda n'ibikorwa by'uburezi bw'ibanze hagamijwe kugeza ku banyarwanda b'ingeri zose uburezi bufite ireme;<br><br>9° kugira inama Guverinoma ku bikorwa byose byakwihutisha iterambere ry'uburezi bw'ibanze mu Rwanda. | 3° to promote the use of information and communication technology in basic education;<br><br>4° to coordinate programs and activities to ensure teachers development, build their capacities and monitor their management;<br><br>5° to contribute to the development of education policy;<br><br>6° to coordinate and fast track basic education programmes and activities aimed at providing to all categories of Rwandans the quality education;<br><br>7° to advise Government on all activities which may fast track basic education development in Rwanda. | communication dans l'éducation de base;<br><br>4° coordonner les programmes et les activités pour s'assurer du développement des enseignants, renforcer leur capacités et suivre leur gestion;<br><br>5° contribuer à la conception de la politique de l'éducation;<br><br>6° coordonner et accélérer la mise en œuvre des programmes et activités relatifs à l'éducation de base en vue d'offrir une éducation de qualité à toutes les catégories des Rwandais;<br><br>7° conseiller le Gouvernement sur toutes les actions pouvant accélérer le développement de l'éducation de base au Rwanda. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE**<br><br>**<u>Ingingo ya 7</u>: Urwego rureberera REB**<br><br>REB irebererwa na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano. | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING**<br><br>**<u>Article 7</u>: Supervising authority of REB**<br><br>REB is supervised by the Ministry in charge of education. | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**<br><br>**<u>Article 7</u>: Organe de tutelle de REB**<br><br>REB est supervisé par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inzego z'ubuyobozi**<br><br>Inzego z'ubuyobozi za REB ni izi zikurikira:<br><br>1° Inama y'Ubuyobozi;<br><br>2° Urwego Nshingwabikorwa.<br><br>**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi**<br><br>**<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo**<br><br>Inama y'Ubuyobozi ya REB igizwe n'abantu barindwi (7).<br><br>Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.<br><br>**<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi**<br><br>Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya REB ifite inshingano z'inyongera zikurikira: | **<u>Article 8</u>: Management organs**<br><br>The management organs of REB are as follows:<br><br>1° the Board of Directors;<br><br>2° the Executive Organ.<br><br>**<u>Section One</u>: Board of Directors**<br><br>**<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office**<br><br>The Board of Directors of REB is composed of seven (7) members.<br><br>Members of the Board of Directors serve a term of office of five (5) years renewable once.<br><br>**<u>Article 10</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors**<br><br>Subject to the provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of REB has the following additional responsibilities: | **<u>Article 8</u>: Organes de direction**<br><br>Les organes de direction de REB sont les suivants:<br><br>1° le Conseil d'Administration;<br><br>2° l'Organe Exécutif.<br><br>**<u>Section première</u>: Conseil d'Administration**<br><br>**<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'Administration et leur mandat**<br><br>Le Conseil d'Administration de REB est composé de sept (7) membres.<br><br>Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois.<br><br>**<u>Article 10</u>: Attribution additionnelles du Conseil d'Administration**<br><br>Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration de REB a des attributions additionnelles suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera REB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo; | 1º to conclude a performance contract with the supervising authority of REB and make follow up on its execution; | 1° conclure un contrat de performance avec l'organe de tutelle de REB et assurer le suivi de son exécution; |
| 2° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya REB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari; | 2º to approve the draft budget proposal of REB and make a follow-up on the budget execution; | 2° approuver l'avant-projet de budget de REB et assurer le suivi de l'exécution du budget; |
| 3° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'umwaka urangiye; | 3º to approve activity report, use of property and financial report for the previous year; | 3° approuver le rapport d'activités, d'utilisation du patrimoine et le rapport financier de l'année précédente; |
| 4° kwemeza umushinga w'imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya REB; | 4º to approve the draft organisational structure of REB; | 4° approuver le projet de la structure organisationnelle de REB; |
| 5° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera REB. | 5º to submit a quarterly and annual report to the supervising authority of REB. | 5° soumettre un rapport d'activités trimestriel et annuel à l'organe de tutelle de REB. |
| **Ingingo ya 11: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 11: Powers of the Board of Directors** | **Article 11: Pouvoir du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya REB ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi | The Board of Directors of REB is the supreme management and decision-making organ. It is invested with extensive powers to make decisions regarding | Le Conseil d'Administration de REB est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs les plus étendus en ce qui concerne l'administration, |

| | | |
|---|---|---|
| n'umutungo bya REB hakurikijwe amategeko. | administration, human resources and the property of REB in accordance with laws. | les ressources humaines et le patrimoine de REB conformément à la loi. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 12</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement** | **<u>Article 12</u>: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ya REB ava kuri uwo mwanya iyo: | A member of the Board of Directors of REB loses membership when: | Un membre du Conseil d'Administration de REB cesse d'être membre lorsque: |
| 1° manda ye irangiye; | 1º his or her term of office expires; | 1° son mandat expire; |
| 2° yeguye akoresheje inyandiko; | 2º he or she resigns in writing; | 2° il démissionne par écrit; |
| 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga; | 3º he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability; | 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'handicap; |
| 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 4º he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgment; | 4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6); |
| 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | 5º he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons; | 5° il s'absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans motifs valables; |
| 6° agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | 6º he or she manifests any behavior likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position; | 6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° abangamira inyungu za REB; | 7º he or she jeopardises the interests of REB; | 7° il compromet les intérêts du REB; |
| 8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside; | 8º he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology; | 8° il est reconnu coupable de crime de génocide ou d'idéologie du génocide; |
| 9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; | 9º he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; | 9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé; |
| 10° apfuye. | 10º he or she dies. | 10° il décède. |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya REB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye. | In case a member of the Board of Directors of REB leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office. | Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de REB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya REB afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors of REB has the following duties: | Le Président du Conseil d'Administration de REB a les attributions suivantes: |
| 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; | 1º to chair the Board of Directors and coordinate its activities; | 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités; |
| 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 2º to convene and preside over meetings of the Board of Directors; | 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° gushyikiriza Urwego rureberera REB inyandikomvugo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi; | 3° to submit to the supervising authority of REB the minutes of meetings of the Board of Directors; | 3° soumettre à l'organe de tutelle de REB les procès-verbaux de réunions du Conseil d'Administration; |
| 4° gushyikiriza raporo za REB zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe; | 4° to submit the reports of REB to relevant organs as approved by the Board of Directors; | 4° soumettre aux organes concernés les rapports de REB adoptés par le Conseil d'Administration; |
| 5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 5° to make a follow up on the implementation of the resolutions of the Board of Directors; | 5° assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration; |
| 6° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 6° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. | 6° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya REB afite inshingano zikurikira: | The Deputy Chairperson of the Board of Directors of REB has the following duties: | Le Vice-Président du Conseil d'Administration de REB a les attributions suivantes: |
| 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; | 1° to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; | 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 2° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. | 2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 15</u>: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **<u>Article 15</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya REB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.<br>Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. | The meeting of the Board of Directors of REB is held once a quarter and whenever necessary, upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members.<br>The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. | La réunion du Conseil d'Administration de REB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.<br>L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. |
| Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko mu gihe kitari munsi y'iminsi itatu (3) kugira ngo iterane. | However, an extraordinary meeting is convened in writing not less than three (3) days before the meeting is held. | Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion. |
| Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. | Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente. |
| Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya REB isuzuma kandi raporo y'imari n'iy'ibikorwa zerekeranye n'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza urwego rureberera REB. | In every quarter, the Board of Directors of REB examines the financial and activity reports relating to the previous quarter and submits them to the supervising authority of REB. | Chaque trimestre, le Conseil d'Administration de REB examine aussi le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumet à l'autorité de tutelle de REB. |

| | | |
|---|---|---|
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3).<br><br>Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.<br><br>Umuyobozi Mukuru wa REB yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.<br>Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya REB.<br><br>**<u>Ingingo ya 16</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi**<br><br>Inama y'Ubuyobozi ya REB ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.<br><br>Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members.<br><br>However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present.<br><br>The Director General of REB attends meetings of the Board of Directors.<br>Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of REB.<br><br>**<u>Article 16</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors**<br><br>The Board of Directors of REB may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.<br><br>The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda. | Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres.<br><br>Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre des membres présents.<br><br>Le Directeur Général de REB participe aux réunions du Conseil d'Administration.<br>Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par les règlements d'ordre intérieur de REB.<br><br>**<u>Article 16</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration**<br><br>Le Conseil d'Administration de REB peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.<br><br>La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya REB ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera REB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). | A document of resolutions of the meeting of the Board of Directors of REB is signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of REB within five (5) days. | Un document des résolutions du Conseil d'Administration de REB est immédiatement signé par ses membres après la séance de la réunion et une copie est transmise à l'autorité de tutelle de REB endéans cinq (5) jours. |
| Umuyobozi w'urwego rureberera REB atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyo byemezo biba byemejwe burundu. | The head of the supervising authority of REB gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, those resolutions are considered definitively approved. | Le responsable de l'autorité de tutelle de REB donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives. |
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya REB ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera REB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho. | The minutes of the meeting of the Board of Directors of REB are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of REB within fifteen (15) days from the date of approval. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de REB est signé par le Président et son rapporteur et approuvé à la session suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de REB endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi**<br><br>Umuyobozi Mukuru wa REB ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.<br><br>Umuyobozi Mukuru wa REB ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bitoramo umwanditsi. | **<u>Article 18</u>: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors**<br><br>The Director General of REB serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision making.<br><br>The Director General of REB does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors at the meeting elect among themselves a rapporteur. | **<u>Article 18</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration**<br><br>Le Directeur Général de REB est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.<br><br>Le Directeur Général de REB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration à la réunion élisent parmi eux un rapporteur. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa**<br><br>Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya REB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho iyo nyungu ishingiye.<br><br>Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.<br><br>Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu | **<u>Article 19</u>: Personal interest in issues on the agenda**<br><br>A member of the Board of Directors of REB who has a direct or indirect interest in the issue to be considered informs immediately the Board of Directors about where that interest lies.<br><br>A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue.<br><br>When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be | **<u>Article 19</u>: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**<br><br>Un membre du Conseil d'Administration de REB qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose.<br><br>Le membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.<br><br>Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à |

| | | |
|---|---|---|
| bibazo bigomba gusuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera REB rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). | considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the supervising authority of REB to decide thereon within thirty (30) days. | examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de REB pour décision endéans trente (30) jours. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2</u>: Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 20</u>: Composition of the Executive Organ** | **<u>Article 20</u>: Composition de l'Organe Exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa REB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru. Rushobora kandi kugira Umuyobozi Mukuru wungirije bibaye ngombwa. | The Executive Organ of REB is comprised of Director General. It may also have a Deputy Directors General when considered necessary. | L'Organe Exécutif de REB est composé du Directeur Général. Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint en cas de besoin. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 21</u>: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 21</u>: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa REB rufite inshingano z'inyongera zikurikira: | Subject to the provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of REB has the following additional responsibilities: | Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif de REB a les attributions additionnelles suivantes: |
| 1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri munsi bya REB; | 1º to monitor and coordinate daily activities of REB; | 1° assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes de REB; |
| 2° gukora indi nshingano yose rwasabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za REB. | 2º to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors | 2° accomplir toute autre tâche lui confiée par le Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| | falling within the responsibilities of REB. | d'Administration relevant des attributions de REB. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 22</u>: Powers and duties of the Director General** | **<u>Article 22</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| Umuyobozi Mukuru wa REB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya REB akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya REB. | The Director General of REB has the power of decision making in the administrative and financial management of REB in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of REB. | Le Directeur Général de REB dispose du pouvoir de la prise de décisions dans la gestion administrative et financière de REB conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de REB. |
| By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira: | Specifically, the Director General has the following duties: | En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes: |
| 1° gukurikirana imikorere ya buri munsi ya REB, imicungire y'abakozi n'imikoreshereje y'ingengo y'imari; | 1º to make a follow-up on the daily activities of REB, human resources management and the use of the budget; | 1° assurer le suivi des activités quotidiennes de REB, de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation du budget; |
| 2° guhagararira REB imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo; | 2º to serve as the legal representative of REB and publicise its activities; | 2° être le représentant légal de REB et faire connaître ses activités; |
| 3° kuba umuvugizi wa REB; | 3º to serve as the spokesperson of REB; | 3° servir de porte-parole de REB; |
| 4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya REB; | 4º to implement the resolutions of the Board of Directors of REB; | 4° mettre en œuvre les résolutions du Conseil d'Administration de REB; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° gucunga ibikoresho n'umutungo bya REB no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; | 5º to ensure the management of equipment and property of REB and submit related report to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion des équipements et du patrimoine de REB et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa; | 6º to prepare the action plan and activity report; | 6° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités; |
| 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya REB; | 7º to prepare the draft internal rules and regulations of REB; | 7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de REB; |
| 8° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya REB; | 8º to prepare the draft action plan and draft budget proposal of REB; | 8° préparer le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget de REB; |
| 9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa REB; | 9º to ensure the execution of the budget and management of the property of REB; | 9° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de REB; |
| 10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo; | 10º to attend the meetings of the Board of Directors and act as rapporteur; | 10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur; |
| 11° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano ze. | 11º to perform other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within his or her responsibilities. | 11° accomplir toute autre tâche relevant de ses attributions que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI**<br><br>**Ingingo ya 23: Umutungo n'inkomoko yawo**<br><br>Umutungo wa REB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.<br><br>Umutungo wa REB ukomoka kuri ibi bikurikira:<br><br>1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;<br><br>2° inkunga za Leta n'iz'abafatanyabikorwa mu iterambere;<br><br>3° ibituruka ku mirimo ikora;<br><br>4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;<br><br>5° inguzanyo zihabwa REB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;<br><br>6° impano n'indangano. | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE**<br><br>**Article 23: Property and its sources**<br><br>The property of REB is comprised of movable and immovable assets.<br><br>The property of REB comes from the following sources:<br><br>1° State budget allocations;<br><br>2° State and development partners' subsidies;<br><br>3° income from services rendered;<br><br>4° interests from its property;<br><br>5° loans granted to REB as approved by the Minister in charge of finance;<br><br>6° donations and bequests. | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES**<br><br>**Article 23: Patrimoine et ses sources**<br><br>Le patrimoine de REB est composé de biens meubles et immeubles.<br><br>Le patrimoine de REB provient des sources suivantes:<br><br>1° les allocations budgétaires de l'État;<br><br>2° les subventions de l'État et des partenaires du développement;<br><br>3° les revenus des services prestés;<br><br>4° les intérêts de son patrimoine;<br><br>5° les prêts accordés à REB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;<br><br>6° les dons et legs. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Ingengo y'imari**<br><br>REB itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, yemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. | **<u>Article 24</u>: Budget**<br><br>REB prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority. | **<u>Article 24</u>: Budget**<br><br>REB prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REB**<br><br>Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.<br><br>Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa REB buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa REB.<br><br>Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya REB. | **<u>Article 25</u>: Use, management and audit of the property of REB**<br><br>The use, management and audit of the property of REB are carried out in accordance with relevant laws.<br><br>The internal audit service of REB submits its report to the Board of Directors of REB and gives a copy to the Director General of REB.<br><br>The Office of the Auditor General of State Finances carries out audit of the management and use of the finance and property of REB. | **<u>Article 25</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de REB**<br><br>Le patrimoine de REB est utilisé, géré et audité conformément à la législation en la matière.<br><br>Le service d'audit interne de REB transmet son rapport au Conseil d'Administration de REB et en réserve une copie au Directeur Général de REB.<br><br>L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de REB. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**<br><br>Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa REB ashyikiriza urwego ruyireberera raporo y'umwaka | **<u>Article 26</u>: Annual financial Report**<br><br>Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of REB submits the annual financial statements to the supervising | **<u>Article 26</u>: Rapport annuel des états financiers**<br><br>Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de REB soumet à l'autorité de tutelle de REB le rapport annuel des états financiers après son |

| | | |
|---|---|---|
| w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | authority of REB after their approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property. | approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 27</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 27</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwaremezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté**.** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 28</u>: Repealing provisions** | **<u>Article 28</u>: Dispositions abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 29</u>: Commencement** | **<u>Article 29</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 15/10/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la Republique |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

Kigali, 15/10/2020

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la Republique

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 123/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGUHUGU RUSHINZWE IMYUGA N'UBUMENYINGIRO** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 123/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING THE RWANDA TECHNICAL AND VOCATIONAL EDUCATION AND TRAINING BOARD** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 123/01 DU 15/10/2020 PORTANT CRÉATION DE ORGANE RWANDAIS DE L'ÉDUCATION ET DE LA FORMATION TECHNIQUE ET PROFESSIONNELLE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Ishyirwaho** | **Article 2: Establishment** | **Article 2: Création** |
| **Ingingo ya 3: Icyicaro** | **Article 3: Head office** | **Article 3: Siège** |
| **Ingingo ya 4: Icyiciro** | **Article 4: Category** | **Article 4: Catégorie** |
| **UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO** | **CHAPTER II: MISSION AND RESPONSIBILITIES** | **CHAPITRE II: MISSION ET ATTRIBUTIONS** |
| **Ingingo ya 5: Intego** | **Article 5: Mission** | **Article 5: Mission** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano** | **Article 6: Responsibilities** | **Article 6: Attributions** |
| **UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE** | **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Urwego rureberera RTB** | **<u>Article 7</u>: Supervising authority of RTB** | **<u>Article 7</u>: Organe de tutelle de RTB** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inzego z'ubuyobozi** | **<u>Article 8</u>: Management organs** | **<u>Article 8</u>: Organes de direction** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office** | **<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'administration et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 10</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 10</u>: Attributions additionnelles du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Pouvoir du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 12</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors** | **<u>Article 12</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14</u>: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 15</u>: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **<u>Article 15</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 17</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Rapporteur of the Board of Directors** | **<u>Article 18</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 19</u>: Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 19</u>: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2</u>: Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 20</u>: Composition of Executive Organ** | **<u>Article 20</u>: Composition de l'Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 21</u>: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 21</u>: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 22</u>: Powers and responsibilities of the Director General** | **<u>Article 22</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| **<u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N'IMARI** | **<u>CHAPTER IV</u>: PROPERTY AND FINANCE** | **<u>CHAPITRE IV</u>: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Umutungo n'inkomoko yawo** | **<u>Article 23</u>: Property and its sources** | **<u>Article 23</u>: Patrimoine et ses sources** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Ingengo y'imari** | **<u>Article 24</u>: Budget** | **<u>Article 24</u>: Budget** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RTB** | **<u>Article 25</u>: Use, management and audit of the property of RTB** | **<u>Article 25</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RTB** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 26</u>: Annual financial Report** | **<u>Article 26</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 27</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 27</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 28</u>: Repealing provisions** | **<u>Article 28</u>: Dispositions abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 29</u>: Commencement** | **<u>Article 29</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 123/01 RYO KU WA 15/10/2020 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGUHUGU RUSHINZWE IMYUGA N'UBUMENYINGIRO** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 123/01 OF 15/10/2020 ESTABLISHING THE RWANDA TECHNICAL AND VOCATIONAL EDUCATION AND TRAINING BOARD** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 123/01 DU 15/10/2020 PORTANT CRÉATION DE L'ORGANE RWANDAIS DE L'ÉDUCATION ET DE LA FORMATION TECHNIQUE ET PROFESSIONNELLE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 121, iya 122, iya 139 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 121, 122, 139 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 121, 122, 139 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; | Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions especially in Article 4; | Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics spécialement en son article 4; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/08/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/08/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/08/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imyuga n'Ubumenyingiro. Rigena kandi, intego, inshingano, imiterere n'imikorere byacyo. | This Order establishes Rwanda Technical and Vocational Education and Training *Board*. It also determines its mission, responsibilities, organisation and functioning. | Le présent arrêté porte création de l'Organe Rwandais de l'Éducation et de la Formation Technique et Professionnelle. Il détermine également sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ishyirwaho** | **<u>Article 2</u>: Establishment** | **<u>Article 2:</u> Création** |
| Hashyizweho Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Imyuga n'Ubumenyingiro cyitwa "RTB" mu magambo ahinnye y'icyongereza | Rwanda Technical and Vocational Education and Training Board abbreviated as "RTB" is established. | L'Office Rwandais de la Formation Technique et Professionnelle dénommé "RTB" en sigle anglais, est créé. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Icyicaro** | **<u>Article 3</u>: Head office** | **<u>Article 3</u>: Siège** |
| Icyicaro cya RTB kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa. | The head Office of RTB is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory when considered necessary. | Le siège de RTB se trouve dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda. |
| Kugira ngo irangize inshingano zayo, RTB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu byemejwe n'Urwego ruyireberera. | The RTB may, in order to fulfil its responsibilities, have branches within the country where necessary upon approval by its supervising Authority. | Pour remplir ses attributions, RTB peut avoir des branches dans le pays sur approbation de son organe de tutelle. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Icyiciro** | **<u>Article 4</u>: Category** | **<u>Article 4</u>: Catégorie** |
| RTB ni ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi. | RTB is a non-commercial public institution. | RTB est un établissement public à caractère non-commercial. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO N'INSHINGANO** | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION AND RESPONSIBILITIES** | **<u>CHAPITRE II</u>: MISSION ET ATTRIBUTIONS** |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Intego** | **<u>Article 5</u>: Mission** | **<u>Article 5</u>: Mission** |
| Intego ya RTB ni uguteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro uhereye ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwego rwa gatanu (5) hagamijwe kwihutisha iterambere ry'imibereho n'ubukungu by'Igihugu. | The mission of RTB is to promote quality education in technical and vocation education and training from level one (1) to five (5) aimed at fast tracking socio-economic development of the country. | La mission de RTB est de promouvoir la qualité de l'éducation dans les écoles de formation technique et professionnelle de niveau un (1) à cinq (5) dans le but d'accélérer le développement socio-économique du pays. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano** | **<u>Article 6</u>: Responsibilities** | **<u>Article 6</u>: Attributions** |
| RTB ifite inshingano z'ingenzi zikurikira: | RTB has the main following responsibilities: | RTB a les attributions principales suivantes: |
| 1° gutegura no gutanga integanyanyigisho, imfashanyigisho, inyoborabarezi, imbonezamasomo no kugena uburyo bwo kwigisha imyuga n'ubumenyingiro uhereye ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwego rwa gatanu (5); | 1° to design and distribute curricula, teaching materials, trainer's guides, methodologies and establish training methods for technical and vocation education and training from level one (1) to five (5); | 1° élaborer et distribuer les programmes d'enseignement, les matériels didactiques, les guides des enseignants, les méthodologies et déterminer les méthodes de formation technique et professionnelle de niveau un (1) à cinq (5); |
| 2° guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu itumanaho mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro uhereye ku rwego rwa mbere (1) kugeza ku rwego rwa gatanu (5); | 2° to promote the use of information and communication technology in technical and vocation education and training from level one (1) to five (5); | 2° promouvoir l'utilisation de la technologie de l'information et de la communication dans la formation technique et professionnelle de niveau un (1) à cinq (5); |
| 3° guhuza no kwihutisha porogaramu | 3° to coordinate and fast track technical and | 3° coordonner et accélérer les |

| | | |
|---|---|---|
| n'ibikorwa by'imyuga n'ubumenyingiro; | vocation education and training programs and activities; | programmes et activités de la formation technique et professionnelle; |
| 4º guhuza gahunda n'ibikorwa hagamijwe guteza imbere abarimu, kubongerera ubumenyi n'ubushobozi no gukurikirana imicungire yabo; | 4º to coordinate programs and activities to ensure trainers development, build their capacities and monitor their management; | 4º coordonner les programmes et les activités pour assurer le développement des formateurs, renforcer leur capacités et suivre leur gestion; |
| 5º kugira inama Guverinoma ku bikorwa byose bishobora kwihutisha iterambere ry'imyuga n'ubumenyingiro mu Rwanda. | 5º to advise the Government on all activities which can fast track technical and vocation education and training development in Rwanda. | 5º conseiller le Gouvernement sur toutes les activités susceptibles d'accélérer le développement de la formation technique et professionnelle au Rwanda. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITERERE N'IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Urwego rureberera RTB** | **<u>Article 7</u>: Supervising authority of RTB** | **<u>Article 7</u>: Organe de tutelle de RTB** |
| RTB irebererwa na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano. | RTB is supervised by the Ministry in charge of education. | RTB est supervisé par le Ministère chargé de l'éducation. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inzego z'ubuyobozi** | **<u>Article 8</u>: Management organs** | **<u>Article 8</u>: Organes de direction** |
| Inzego z'ubuyobozi za RTB ni izi zikurikira: | The management organs of RTB are the following: | Les organes de direction de RTB sont les suivants: |
| 1º Inama y'Ubuyobozi; | 1º the Board of Directors; | 1° le Conseil d'Administration; |
| 2º Urwego Nshingwabikorwa. | 2º the Executive Organ. | 2° l'Organe Exécutif. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première</u>: Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 9</u>: Composition of the Board of Directors and their term of office** | **<u>Article 9</u>: Composition du Conseil d'administration et leur mandat** |
| Inama y'Ubuyobozi ya RTB igizwe n'abantu barindwi (7). | The Board of Directors of RTB is composed of seven (7) members. | Le Conseil d'Administration de RTB est composé de sept (7) membres. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe. | Members of the Board of Directors serve a term of office of five (5) years renewable once. | Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 10</u>: Additional responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 10</u>: Attributions additionnelles du Conseil d'Administration** |
| Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya RTB ifite inshingano z'inyongera zikurikira: | Subject to the provisions of Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of RTB has the following additional responsibilities: | Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration de RTB a des attributions additionnelles suivantes: |
| 1° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RTB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo; | 1° to conclude a performance contract with the supervising authority of RTB and make follow up on its execution; | 1° conclure un contrat de performance avec l'organe de tutelle de RTB et assurer le suivi de son exécution; |
| 2° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RTB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari; | 2° to approve the draft budget proposal of RTB and make a follow-up on the budget execution; | 2° approuver l'avant-projet de budget de RTB et assurer le suivi de l'exécution du budget; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'umwaka urangiye; | 3º to approve activity report, use of property and financial report for the previous year; | 3° approuver le rapport d'activités, d'utilisation du patrimoine et le rapport financier de l'année précédente; |
| 4° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzego z'imirimo; | 4º to approve the draft organizational structure; | 4° approuver le projet de la structure organisationnelle; |
| 5° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera RTB. | 5º to submit a quarterly and annual report to the supervising authority of RTB. | 5° soumettre un rapport d'activités trimestriel et annuel à l'autorité de tutelle de RTB. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Powers of the Board of Directors** | **<u>Article 11</u>: Pouvoir du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya RTB ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano zo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya RTB hakurikijwe amategeko. | The Board of Directors of RTB is the supreme management and decision-making organ. It is invested with extensive powers to make decisions regarding administration, human resources and the property of RTB in accordance with laws. | Le Conseil d'Administration de RTB est l'organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs les plus étendus en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de RTB conformément à la loi. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 12</u>: Reasons for loss of membership in the Board of Directors** | **<u>Article 12</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo: | A member of the Board of Directors loses membership when: | Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre lorsque: |
| 1º manda irangiye; | 1º the term of office expires; | 1° son mandat expire; |
| 2º yeguye akoresheje inyandiko; | 2º he or she resigns in writing; | 2° il démissionne par écrit; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga; | 3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability; | 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'handicap; |
| 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 4° he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement; | 4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6); |
| 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | 5° he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons; | 5° il s'absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans motifs valables; |
| 6° agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | 6° he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position; | 6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang; |
| 7° abangamira inyungu za RTB; | 7° he or she jeopardises the interests of the RTB; | 7° il compromet les intérêts de RTB; |
| 8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside; | 8° he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology; | 8° il est reconnu coupable de crime de génocide ou d'idéologie du génocide; |
| 9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; | 9° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; | 9° il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé; |
| 10° apfuye. | 10° he or she dies. | 10° il décède. |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya | In case a member of the Board of Directors of | Lorsqu'un membre du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| RTB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda y'uwo asimbuye. | RTB leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office. | d'Administration de RTB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 13</u>: Attributions du Président du Conseil d'Administration** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RTB afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors of RTB has the following duties: | Le Président du Conseil d'Administration de RTB a les attributions suivantes: |
| 1º kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; | 1º to chair the meeting of the Board of Directors and coordinate its activities; | 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités; |
| 2º gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 2º to convene and preside over meetings of the Board of Directors; | 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration; |
| 3º gushyikiriza Urwego rureberera RTB inyandikomvugo z'inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 3º to submit to the supervising authority of RTB minutes of meetings of the Board of Directors; | 3° soumettre à l'organe de tutelle de RTB les procès-verbaux de réunions du Conseil d'Administration; |
| 4º gushyikiriza raporo za RTB zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe; | 4º to submit the reports of RTB to relevant organs as approved by the Board of Directors; | 4° soumettre aux organes concernés les rapports de RTB adoptés par le Conseil d'Administration; |
| 5º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 5º to make a follow up on the implementation of the resolutions of the Board of Directors; | 5° assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration; |
| 6º gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 6º to perform other duties falling within its responsibilities as the Board of | 6° accomplir toutes autres tâches relevant des attributions du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| | Directors may assign to him or her. | d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **Ingingo ya 14: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 14: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **Article 14: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RTB afite inshingano zikurikira: | The Deputy Chairperson of the Board of Directors of RTB has the following duties: | Le Vice-Président du Conseil d'Administration de RTB a les attributions suivantes: |
| 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari; | 1° to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence; | 1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2° gukora indi nshingano yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 2° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within its responsibilities. | 2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. |
| **Ingingo ya 15: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **Article 15: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making** | **Article 15: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RTB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. | The meeting of the Board of Directors of RTB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members. | La réunion du Conseil d'Administration de RTB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres. |
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo | The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la |

| | | |
|---|---|---|
| inama iterane. | | réunion. |
| Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko mu gihe kitari munsi y'iminsi itatu (3) kugira ngo iterane. | However, an extraordinary meeting is convened in writing not less than three (3) days before the meeting is held. | Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion. |
| Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye. | Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year. | Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente. |
| Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi ya RTB igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye zigashyikirizwa urwego rureberera RTB. | In every quarter, the Board of Directors of RTB must examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and submit them to the supervising authority of RTB. | Chaque trimestre, le Conseil d'Administration de RTB doit examiner le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumettre à l'autorité de tutelle de RTB. |
| Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RTB iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari. | The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of members present. | Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Cependant, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents. |
| Umuyobozi Mukuru wa RTB yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi. | The Director General of RTB attends meetings of the Board of Directors. | Le Directeur Général de RTB participe aux réunions du Conseil d'Administration. |
| Uburyo Inama y'Ubuyobozi ya RTB ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RTB. | Modalities for decision-making by the Board of Directors of RTB are determined by internal rules and regulations of RTB. | Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration de RTB sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de RTB. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 16</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 16</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ya RTB ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The Board of Directors of RTB may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le Conseil d'Administration de RTB peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo** | **<u>Article 17</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 17</u>: Approbation des résolutions et procès–verbal de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RTB ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera RTB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). | Resolutions of the meeting of the Board of Directors of RTB are signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of RTB within five (5) days. | Les résolutions du Conseil d'Administration de RTB sont immédiatement signées par ses membres après la séance de la réunion et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle de RTB endéans cinq (5) jours. |
| Umuyobozi w'urwego rureberera RTB atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu. | The head of the supervising authority of RTB gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, the resolutions of the meeting are considered definitively approved. | Le responsable de l'autorité de tutelle de RTB donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives. |

| | | |
|---|---|---|
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RTB ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera RTB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho. | The minutes of the meeting of the Board of Directors of RTB are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of RTB within fifteen (15) days from the date of approval. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de RTB est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de RTB endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Rapporteur of the Board of Directors** | **<u>Article 18</u>: Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration** |
| Umuyobozi Mukuru wa RTB ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. | The Director General of RTB serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision making. | Le Directeur Général de RTB est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions. |
| Umuyobozi Mukuru wa RTB ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi. | The Director General of RTB does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors at the meeting elect among themselves a rapporteur. | Le Directeur Général de RTB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration à la réunion élisent parmi eux un rapporteur. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 19</u>: Personal interest in issues on the agenda** | **<u>Article 19</u>: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour** |
| Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RTB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. | A member of the Board of Directors of RTB who has a direct or indirect interest in the issue to be considered must immediately inform the Board of Directors about where that interest lies. | Un membre du Conseil d'Administration de RTB qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. |

| | | |
|---|---|---|
| Ugize Inama y'Ubyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. | A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue. | Le membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RTB rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30). | When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the supervising authority of RTB to decide thereon within thirty (30) days. | Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de RTB pour décision endéans trente (30) jours. |
| **Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa** | **Section 2: Executive Organ** | **Section 2: Organe Exécutif** |
| **Ingingo ya 20: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 20: Composition of Executive Organ** | **Article 20: Composition de l'Organe Exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa RTB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru. Rushobora kandi kugira Umuyobozi Mukuru wungirije bibaye ngombwa. | The Executive Organ of RTB is comprised of Director General. It may also have a Deputy Director General when considered necessary. | L'Organe Exécutif de RTB est composé du Directeur Général. Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint en cas de besoin. |
| **Ingingo ya 21: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa** | **Article 21: Additional Responsibilities of the Executive Organ** | **Article 21: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif** |
| Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko ngenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa RTB rufite izindi nshingano zikurikira: | Subject to the provisions of organic law governing establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of RTB has the following other responsibilities: | Sous réserve des dispositions de la loi organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l'Organe Exécutif de RTB a d'autres attributions suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1º gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri munsi bya RTB;<br><br>2º gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za RTB. | 1º to monitor and coordinate daily activities of RTB;<br><br>2º to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within the responsibilities of RTB. | 1° assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes de RTB;<br><br>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions de RTB que Conseil d'Administration peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 22</u>: Powers and responsibilities of the Director General** | **<u>Article 22</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur Général** |
| Umuyobozi Mukuru wa RTB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RTB akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya RTB. | The Director General of RTB has the power of decision making in the administrative and financial management of RTB in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities of RTB. | Le Directeur Général de RTB dispose du pouvoir de la prise des décisions dans la gestion administrative et financière de RTB conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de RTB. |
| By'umwihariko, Umuyobozi Mukuru wa RTB ashinzwe ibi bikurikira: | Specially, the Director General of RTB, has the following duties: | En particulier, le Directeur Général de RTB a les attributions suivantes: |
| 1º gukurikirana imikorere ya buri munsi ya RTB, imicungire y'abakozi n'imikoreshereje y'ingengo y'imari;<br><br>2º guhagararira RTB imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;<br><br>3º kuba umuvugizi wa RTB;<br><br>4º gushyira mu bikorwa ibyemezo | 1º to make a follow-up on the daily activities of RTB, human resources management and the use of the budget;<br><br>2º to serve as the legal representative of RTB and publicise its activities;<br><br>3º to serve as the spokesperson of RTB;<br><br>4º to implement the resolutions of the | 1° assurer le suivi des activités quotidiennes de RTB, de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation du budget;<br><br>2° être le représentant légal de RTB et faire connaître ses activités;<br><br>3° servir de porte-parole de RTB;<br><br>4° mettre en œuvre les résolutions du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| by'Inama y'Ubuyobozi ya RTB; | Board of Directors of RTB; | d'Administration de RTB; |
| 5º gucunga ibikoresho n'umutungo bya RTB no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; | 5º to ensure the management of equipment and property of RTB and submit related report to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion des équipements et du patrimoine de RTB et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6º gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa; | 6º to prepare the action plan and activity report; | 6° élaborer le plan et le rapport d'activités; |
| 7º gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RTB; | 7º to prepare the draft internal rules and regulations of RTB; | 7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de RTB; |
| 8º gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RTB bigashyikirizwa Inama y'Ubuyobozi; | 8º to prepare the draft action plan and draft budget proposal of RTB and submit them to the Board of Directors; | 8° préparer le projet de plan d'action et l'avant-projet de budget de RTB pour leur transmission au Conseil d'Administration; |
| 9º gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa RTB; | 9º to ensure the execution of the budget and management of the property of RTB; | 9° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de RTB; |
| 10º kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo; | 10º to attend the meetings of the Board of Directors and act as rapporteur; | 10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur; |
| 11º gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za RTB. | 11º to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors falling within the mission of RTB. | 11° accomplir toute autre tâche relevant de la mission de RTB que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 23: Umutungo n'inkomoko yawo** | **Article 23: Property and its sources** | **Article 23: Patrimoine et ses sources** |
| Umutungo wa RTB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | The property of RTB is comprised of movable and immovable assets. | Le patrimoine de RTB est composé de biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa RTB ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of RTB comes from the following sources: | Le patrimoine de RTB provient des sources suivantes: |
| 1º ingengo y'imari igenerwa na Leta; | 1º State budget allocations; | 1° les allocations budgétaires de l'État; |
| 2º inkunga za Leta n'iz'abafatanyabikorwa mu iterambere; | 2º State and development partners' subsidies; | 2° les subventions de l'État et des partenaires du développement; |
| 3º ibituruka ku mirimo ikora; | 3º income from services rendered; | 3° les revenus des services prestés; |
| 4º inyungu z'ibikomoka ku mutungo wayo; | 4º interests from its property; | 4° les intérêts de son patrimoine; |
| 5º inguzanyo zihabwa RTB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze; | 5º loans granted to RTB as approved by the Minister in charge of finance; | 5° les prêts accordés à RTB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| 6º impano n'indangano. | 6º donations and bequests. | 6° les dons et legs. |
| **Ingingo ya 24: Ingengo y'imari** | **Article 24: Budget** | **Article 24: Budget** |
| RTB itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, yemezwa n'urwego rubifitiye | RTB prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority. | RTB prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. |

| | | |
|---|---|---|
| ububasha. | | |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RTB** | **<u>Article 25</u>: Use, management and audit of the property of RTB** | **<u>Article 25</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RTB** |
| Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RTB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The use, management and audit of the property of RTB are carried out in accordance with relevant laws. | L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de RTB sont menés conformément à la législation en la matière. |
| Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RTB buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa RTB. | The internal audit service of RTB submits its report to the Board of Directors of RTB and gives a copy to the Director General of RTB. | Le service d'audit interne de RTB transmet son rapport au Conseil d'Administration de RTB et en réserve une copie au Directeur Général de RTB. |
| Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya RTB. | The Office of the Auditor General of State Finances carries out audit of the management and use of the finance and property of RTB. | L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de RTB. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 26</u>: Annual financial Report** | **<u>Article 26</u>: Rapport annuel des états financiers** |
| Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa RTB ashyikiriza urwego ruyireberera raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of RTB submits the annual financial statements to the supervising authority of RTB after their approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property. | Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de RTB soumet à l'autorité de tutelle de RTB le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 27: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre de Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté**.** |
| **Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 28: Repealing provisions** | **Article 28: Dispositions abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **Ingingo ya 29: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 29: Commencement** | **Article 29: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 15/10/2020

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la Republique

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA Nº 124/01 RYO KU WA 15/10/2020 RIGENA IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOMISERI BA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARE (RDRC)** | **PRESIDENTIAL ORDER Nº 124/01 OF 15/10/2020 DETERMINING SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR COMMISSIONERS OF RWANDA DEMOBILIZATION AND REINTEGRATION COMMISSION (RDRC)** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL Nº 124/01 DU 15/10/2020 DÉTERMINANT LES SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AUX COMMISSAIRES DE LA COMMISSION NATIONALE DE DÉMOBILISATION ET DE RÉINTEGRATION (RDRC)** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**<br>**Ingingo ya 2: Igenwa ry'umushahara**<br>**Ingingo ya 3: Ibigize umushahara mbumbe**<br>**Ingingo ya 4: Ibindi bigenerwa *Chairperson***<br>**Ingingo ya 5: Ibindi bigenerwa *Vice Chairperson***<br>**Ingingo ya 6: Ibindi bigenerwa abakomiseri bari ku rwego rwa "G"**<br>**Ingingo ya 7: Indamunite z'urugendo rw'imodoka** | **Article One: Purpose of this Order**<br>**Article 2: Determination of the salary**<br>**Article 3: Composition of the gross salary**<br>**Article 4: Fringe benefits for the Chairperson**<br>**Article 5: Fringe benefits for the Vice Chairperson**<br>**Article 6: Fringe benefits for Commissioners on "G" job level**<br>**Article 7: Mileage allowances** | **Article premier: Objet du présent arrêté**<br>**Article 2: Détermination du salaire**<br>**Article 3: Composition du salaire brut**<br>**Article 4: Avantages alloués au *Chairperson***<br>**Article 5: Avantages alloués au *Vice- Chairperson***<br>**Article 6: Avantages alloués aux Commissaires aux postes de niveau "G"**<br>**Article 7: Indemnités kilométriques** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka**<br><br>**Ingingo ya 10: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa** | **Article 8: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>**Article 9: Repealing provision**<br><br>**Article 10: Commencement** | **Article 8: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>**Article 9: Disposition abrogatoire**<br><br>**Article 10: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA Nº 124/01 RYO KU WA 15/10/2020 RIGENA IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOMISERI BA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARE (RDRC)** | **PRESIDENTIAL ORDER Nº 124/01 OF 15/10/2020 DETERMINING SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR COMMISSIONERS OF RWANDA DEMOBILIZATION AND REINTEGRATION COMMISSION (RDRC)** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL Nº 124/01 DU 15/10/2020 DÉTERMINANT LES SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AUX COMMISSAIRES DE LA COMMISSION NATIONALE DE DÉMOBILISATION ET DE RÉINTEGRATION (RDRC)** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120,122 et 176; |
| Dushingiye ku Itegeko n° 50/2015 ryo ku wa 14/12/2015 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16; | Pursuant to the Law n° 50/2015 of 14/12/2015 establishing Rwanda Demobilization and Reintegration Commission (RDRC) and determining its responsibilities, organisation and functioning especially in Article 16; | Vu la loi n° 50/2015 du 14/12/2015 portant création de la Commission Nationale de Démobilisation et de Réintégration (RDRC) et déterminant ses attributions, organisation et fonctionnement, spécialement en son article 16; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| Inama y'Abaminisitiri,yateranye ku wa 30/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena imishahara n'ibindi bigenerwa Abakokomiseri ba Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC). | This Order determines salaries and fringe benefits for Commissioners of Rwanda Demobilization and Reintegration Commission (RDRC). | Le présent arrêté détermine les salaires et avantages alloués aux Commissaires de la Commission Nationale de Démobilisation et de Réintegration (RDRC). |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Igenwa ry'umushahara** | **<u>Article 2</u>: Determination of the salary** | **<u>Article 2</u>: Détermination du salaire** |
| Imishahara igenwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo kandi hakurikijwe amahame ngenderwaho mu kubara imishahara mu butegetsi bwa Leta. | Salaries are determined basing on the job classification and in accordance with general principles on salary calculation in public service. | Les salaires sont déterminés suivant la classification des emplois et conformément aux principes généraux de fixation des salaires dans la fonction publique. |
| Urwego, umubare fatizo, agaciro k'umubare fatizo n'umushahara mbumbe bigendana na buri mwanya w'umurimo biri ku mugereka w'iri teka. | The level, index, index value and the gross salary corresponding to each job position are in annex of this Order. | Le niveau, l'indice, la valeur indiciaire et le salaire brut correspondant à chaque poste d'emploi sont en annexe du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibigize umushahara mbumbe** | **<u>Article 3</u>: Composition of the gross salary** | **<u>Article 3</u>: Composition du salaire brut** |
| Umushahara mbumbe ukubiyemo iby'ingenzi bikurikira: | The monthly gross salary is mainly composed of the following: | Le salaire brut mensuel comprend principalement ce qui suit: |
| 1 º umushahara fatizo; | 1 º basic salary; | 1 º salaire de base; |
| 2 º indamunite y'icumbi; | 2 º housing allowance; | 2 º indemnité de logement; |
| 3 º inkunga ya Leta mu bwiteganyirize bw'umukozi; | 3 º Government contribution for social security; | 3 º contribution de l'État à la sécurité sociale; |

| | | |
|---|---|---|
| 4 º inkunga ya Leta yo kuvuza umukozi. | 4 º Government contribution for medical care. | 4 º contribution de l'État aux soins médicaux. |
| Abakomiseri ba RDRC bari ku nzego z'imirimo za "E", "F" na "G" boroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. | The transport of Commissioners of RDRC positioned on levels "E", "F" and "G" is facilitated in accordance with instructions of the Minister in charge of transport. | Le transport des commissaires de RDRC aux postes de niveaux "E", "F" et "G" est facilité conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 4:</u> Ibindi bigenerwa *Chairperson*** | **<u>Article 4</u>: Fringe benefits for the Chairperson** | **<u>Article 4</u>: Avantages alloués au *Chairperson*** |
| *Chairperson* uri ku rwego rwa "E" agenerwa ibindi bimufasha gutunganya imirimo bikurikira: | Chairperson on "E" job level is entitled to the following fringe benefits: | Le *Chairperson* au poste de niveau "E" bénéficie des avantages comme suit: |
| 1 º amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) y'itumanaho rya telefone na interinet byo mu biro buri kwezi; | 1 º one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month for office landline and office internet communication allowance; | 1 º cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone et internet de bureau, par mois; |
| 2 º amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo ine (40.000 FRW) buri kwezi y'itumanaho rya interineti igendanwa n'ay'itumanaho rya telefone igendanwa angana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu y'u Rwanda (150.000 FRW) buri kwezi; | 2 º forty thousand Rwandan francs (FRW 40,000) per month for wireless internet connection communication allowance and one hundred and fifty thousand Rwandan francs (FRW 150,000) per month for mobile phone communication allowance; | 2 º quarante mille francs rwandais (40.000 FRW) de frais de communication d'internet sans fil, par mois et cent cinquante mille francs rwandais (150.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; |
| 3 º amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) buri kwezi yo kwakira abashyitsi mu kazi anyura kuri konti ya RDRC; | 3 º three hundred thousand Rwandan francs (300,000 FRW) per month for office entertainment allowance transferred to the bank account of | 3 º trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) de frais de représentation au service, par mois et domiciliés au compte bancaire de |

| | | |
|---|---|---|
| | RDRC; | RDRC; |
| 4 º koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. | 4 º transport facilitation in accordance with the instructions of the Minister responsible for transport. | 4 º la facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Ibindi bigenerwa *Vice Chairperson*** | **<u>Article 5</u>: Fringe benefits for the Vice Chairperson** | **<u>Article 5</u>: Avantages alloués au *Vice- Chairperson*** |
| *Vice chairperson* uri ku rwego rwa "F" agenerwa ibindi bimufasha gutunganya imirimo bikurikira: | The Vice chairperson on "F" level is entitled to the following fringe benefits: | Le *Vice-Chairperson* au poste de niveau "F" bénéficie ce qui suit : |
| 1 º amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) buri kwezi y'itumanaho rya telefone yo mu biro; | 1° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month for office landline communication; | 1 º cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone de bureau, par mois; |
| 2 º amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) buri kwezi y'itumanaho rya telefone igendanwa; | 2° one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month for mobile phone communication; | 2 º cent mille francs rwandais (100.000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois; |
| 3 º koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano. | 3° transport facilitation in accordance with the Instructions of the Minister in charge of transport. | 3 º la facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ibindi bigenerwa abakomiseri bari ku rwego rwa "G"** | **<u>Article 6</u>: Fringe benefits for Commissioners on "G" job level** | **<u>Article 6</u>: Avantages alloués aux Commissaires aux postes de niveau "G"** |
| Umukomiseri uri ku rwego rw'umurimo rwa "G" agenerwa ibindi bikurikira: | Commissioner on "G" job level is entitled to the following fringe benefits: | Le commissaire au poste de niveau "G" bénéficie les avantages suivant: |

| | | |
|---|---|---|
| 1 º amafaranga y'itumanaho rya telefone igendanwa angana n'ibihumbi ijana y'u Rwanda (100.000 FRW) buri kwezi;<br><br>2 º koroherezwa ingendo hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano.<br><br>**<u>Ingingo ya 7</u>: Indamunite z'urugendo rw'imodoka**<br><br>Iyo abakomiseri bari ku rwego rwa "E", urwa "F" cyangwa "G" bagiye mu butumwa imbere mu Gihugu bakoresheje imodoka zabo, Leta ibagenera indamunite y'urugendo hakurikijwe ibiteganywa n'Amabwiriza ya Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano.<br><br>**<u>Ingingo ya 8</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>Minisitiri w'intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | 1 º a mobile phone communication allowance of one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) per month;<br><br>2 º transport facilitation in accordance with the Instructions of the Minister in charge of transport.<br><br>**<u>Article 7:</u> Mileage allowances**<br><br>When a Commissioners on levels "E", "F" or "G" go on official mission inside the country by using their vehicles, the State pays them mileage allowances specified in accordance with instructions of the Minister in charge of transport.<br><br>**<u>Article 8</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | 1 º cent mille francs Rwandais (100,000 FRW) de frais de communication par téléphone portable, par mois;<br><br>2 º la facilitation de transport conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.<br><br>**<u>Article 7</u>: Indemnités kilométriques**<br><br>Lorsque les commissaires aux postes de niveaux "E", "F" ou "G" vont en mission officielle à l'intérieur du pays en utilisant leurs véhicules, l'État leur octroie des indemnités kilométriques conformément aux instructions du Ministre ayant le transport dans ses attributions.<br><br>**<u>Article 8</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka**<br><br>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.<br><br>**<u>Ingingo ya 10</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**<br><br>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 9:</u> Repealing provision**<br><br>All prior provisions contrary to this Order are repealed.<br><br>**<u>Article 10</u>: Commencement**<br><br>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 9</u>: Disposition abrogatoire**<br><br>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.<br><br>**<u>Article 10</u>: Entrée en vigueur**<br><br>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 15/10/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**Paul KAGAME**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of The Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N<sup>O</sup> 124/01 RYO KU WA 15/10/2020 RIGENA IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOMISERI BA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARE** | **ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N<sup>O</sup> 124/01 OF 15/10/2020 DETERMINING SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR COMMISSIONERS OF RWANDA DEMOBILIZATION AND REINTEGRATION COMMISSION** | **ANNEXE À L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N<sup>O</sup> 124/01 DU 15/10/2020 DÉTERMINANT LES SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AUX COMMISSAIRES DE LA COMMISSION NATIONALE DE DÉMOBILISATION ET DE RÉINTEGRATION** |

| RWANDA DEMOBILISATION AND REINTEGRATION COMMISSION (RDRC) SALARY STRUCTURE | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| N° | **POST** | **I.V** | **Level** | **Index** | **Gross Salary (Rwf/ Month)** |
| 1 | Chairperson | 500 | E | 3156 | 2 017 360 |
| 1 | Vice Chairperson | 441 | F | 2869 | 1 617 505 |
| 3 | Commissioner | 400 | G | 2608 | 1 333 657 |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 124/01 ryo ku wa 15/10/2020 rigena imishahara n'ibindi bigenerwa Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu yo usezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari Abasirikare** | **Seen to be annexed to Presidential Order n° 124/01 of 15/10/2020 determining salaries and fringe benefits for Commissioners of Rwanda Demobilization and Reintegration Commission** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 124/01 du 15/10/2020 déterminant les salaires et avantages alloués aux Commissaires de la Commission Nationale de Démobilisation et de Réintegration** |

Kigali, 15/10/2020

**(sé)**

**Paul KAGAME**
Perezida wa Repubulika
President of The Republic
Président de la République

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

| ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 107/03 RYO KU WA 15/10/2020 RIGENA INTEGO, INSHINGANO IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA | PRIME MINISTER'S ORDER Nº 107/03 OF 15/10/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT AND ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF NATIONAL COUNCIL OF PERSONS WITH DISABILITIES | ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 107/03 DU 15/10/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE L'ADMINISTRATION LOCALE ET LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU CONSEIL NATIONAL DES PERSONNES HANDICAPÉES |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Intego** | **Article 2: Mission** | **Article 2: Mission** |
| **Ingingo ya 3: Inshingano** | **Article 3: Responsibilities** | **Article 3: Attributions** |
| **Ingingo ya 4: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **Article 4: Organisational structure** | **Article 4: Structure organisationnelle** |
| **Ingingo ya 5: Igenwa ry'umushahara** | **Article 5: Determination of the salary** | **Article 5: Détermination du salaire** |
| **Ingingo ya 6: Ibigize umushahara mbumbe** | **Article 6: Composition of the gross salary** | **Article 6: Composition du salaire brut** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ibindi bigenerwa Umunyamabanga Uhoraho** | **<u>Article 7</u>: Fringe benefits for the Permanent Secretary** | **<u>Article 7</u>: Avantages alloués au Secrétaire Permanent** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Ibindi bigenerwa *Executive Secretary* wa NCPD uri ku rwego rwa "G"** | **<u>Article 8</u>: Fringe benefits for Executive Secretary of NCPD on "G" job level** | **<u>Article 8</u>: Avantages alloués au *Executive Secretary* de NCPD au poste de niveau "G"** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ibindi bigenerwa ba *Director Generals, Chief Digital Officer, Advisor to the Minister/Minister of State, Analyst* na *senior Developer* bari ku rwego rw`umurimo rwa "2.III"** | **<u>Article 9</u>: Fringe benefits for Director Generals, Chief Digital Officer, Advisor to the Minister/Minister of State, Analyst and senior Developer on "2.III" job level** | **<u>Article 9</u> Avantages alloués aux *Director Generals, Chief Digital Officer, Advisor to the Minister/Minister of State, Analyst* et *senior Developer* au poste de niveau "2.III"** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ibindi bigenerwa ba *Directors of units* n'Abakozi ba Leta bari ku rwego rw'umurimo rwa "3.II"** | **<u>Article 10</u>: Fringe benefits for Directors of Units and public servants on "3.II" job level** | **<u>Article 10</u>: Avantages alloués aux *Directors of units* et aux agents de l'État au poste de niveau "3.II"** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Indamunite z'urugendo rw'imodoka** | **<u>Article 11</u>: Mileage allowances** | **<u>Article 11</u>: Indemnités kilométriques** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 12</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 12</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 13</u>: Repealing provision** | **<u>Article 13</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 14</u>: Commencement** | **<u>Article 14</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 107/03 RYO KU WA 15/10/2020 RIGENA INTEGEO, INSHINGANO IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BA MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'IMBONERAHAMWE Y'IMYANYA Y'IMIRIMO, IMISHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI B'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA** | **PRIME MINISTER'S ORDER Nº 107/03 OF 15/10/2020 DETERMINING MISSION, RESPONSIBILITIES ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF THE MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT AND ORGANISATIONAL STRUCTURE, SALARIES AND FRINGE BENEFITS FOR EMPLOYEES OF NATIONAL COUNCIL OF PERSONS WITH DISABILITIES** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 107/03 DU 15/10/2020 DÉTERMINANT LA MISSION, ATTRIBUTIONS, STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU MINISTÈRE DE L'ADMINISTRATION LOCALE ET LA STRUCTURE ORGANISATIONNELLE, SALAIRES ET AVANTAGES ALLOUÉS AU PERSONNEL DU CONSEIL NATIONAL DES PERSONNES HANDICAPÉES** |
| **Minisitiri w'Intebe;** | **The Prime Minister;** | **Le Premier Ministre ;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176 ; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 51; | Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants, especially in article 51; | Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État, spécialement, en son article 51; |

| | | |
|---|---|---|
| Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe Nº 160/03 ryo ku wa 12/09/2019 rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC); | Having reviewed Prime Minister's Order Nº 160/03 of 12/09/2019 determining mission, responsibilities organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Local Government (MINALOC); | Revu l'Arrêté de l'Arrêté du Premier Ministre Nº 160/03 du 12/09/2019 portant mission, attributions, structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de l'Administration Locale (MINALOC) ; |
| Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 65/03 ryo ku wa 27/02/2015 rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi bo mu Nama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD); | Having reviewed the Prime Minister's order nº 65/03 of 27/02/2015 determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of National Council of Persons with Disabilities (NCPD); | Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 65/03 du 27/02/2015 portant structure organisationnelle, salaires et avantages accordés au personnel du Conseil National des Personnes Handicapées (NCPD) ; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2020 ; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE :** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena intego, inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC). Rigena kandi | This Order determines mission, responsibilities, organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of the Ministry of Local Government (MINALOC). It also determines | Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, la structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Ministère de l'Administration Locale (MINALOC). Il détermine également la |

| | | |
|---|---|---|
| imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD). | organizational structure, salaries and fringe benefits for employees of National Council of Persons with Disabilities (NCPD). | structure organisationnelle, salaires et avantages alloués au personnel du Conseil national des personnes handicapées (NCPD). |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Intego** | **<u>Article 2</u>: Mission** | **<u>Article 2</u>: Mission** |
| MINALOC ifite intego yo guhuriza hamwe gahunda zijyanye n'imiyoborere myiza n'imitegekere y'Igihugu ihamye bigamije iterambere mu by'ubukungu, imibereho na politiki. | MINALOC has the mission of ensuring the coordination of good governance and high quality territorial administration programs that promote economic, social and political development throughout the nation. | MINALOC a pour mission d'assurer la coordination des programmes de bonne gouvernance et de l'administration territoriale efficace en vue du développement national économique, social et politique. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Inshingano** | **<u>Article 3</u>: Responsibilities** | **<u>Article 3</u>: Attributions** |
| MINALOC ifite inshingano zikurikira: | MINALOC has the following responsibilities: | MINALOC a les attributions suivantes : |
| 1° guteza imbere, kumenyekanisha no guhuza ishyirwa mu bikorwa rya politiki, ingamba na gahunda bijyanye n'ubutegetsi bw'Igihugu binyujijwe mu gushyiraho politiki, ingamba na gahunda z'Igihugu zijyanye n'imiyoborere myiza, imitegekere y'Igihugu, imibereho y'abaturage n'imiturire mu midugudu hagamijwe iterambere rirambye; | 1 ° to develop, disseminate and coordinate the implementation of policies, strategies and sector programs through the formulation of national policies, strategies and programs of good governance, territorial administration, social affairs and group settlement sites to ensure sustainable community development; | 1° développer, diffuser et coordonner la mise en œuvre des politiques, des stratégies et des programmes sectoriels par la formulation des politiques, des stratégies et des programmes nationaux de bonne gouvernance, d'administration territoriale, des affaires sociales et de l'habitat regroupé en vue du développement communautaire durable; |
| 2° gutegura amategeko ajyanye n'imiyoborere myiza, imitegekere y'Igihugu, imiturire n'iterambere mu | 2 ° to prepare legal framework for good governance, territorial administration, | 2° préparer un cadre juridique pour la bonne gouvernance, l'administration territoriale, l'habitat et le |

| | | |
|---|---|---|
| mibereho myiza n'ubukungu, binyujijwe mu: | settlement and socio-economic development through: | développement socio-économique à travers: |
| a. gutegura amategeko no gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho mu kwegereza ubuyobozi abaturage, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imiyoborere myiza n'imitegekere y'Igihugu hagamijwe iterambere mu by'ubukungu, imibereho na politiki; | a. preparing laws and establish regulations and guidelines of decentralisation to implement good governance and territorial administration for socio-economic and political development; | a. la préparation des lois et la mise en place des règlements et des directives de décentralisation, pour la mise en œuvre de la bonne gouvernance et l'administration territoriale en vue du développement socio-économique et politique; |
